1° planning and coordinating national programs meant for promoting unity and reconciliation;

1° planifier et coordonner les programmes et les activités nationaux visant la promotion de l'unité et de la réconciliation;

2° gushyiraho no guteza imbere uburyo bwo gushimangira ubumwe n'ubwiyunge;

2° setting up and promoting mechanisms for consolidating unity and reconciliation;

2° mettre en place et développer les mécanismes destinés à consolider l'unité et la réconciliation;

3° gutanga inama no gukangurira

3° advising and sensitizing Rwandans on

3° conseiller et sensibiliser les Rwandais sur

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

Abanyarwanda ibyerekeye ubumwe n'ubwiyunge;	national unity and reconciliation issues;	des questions relatives à l'unité et à la réconciliation;
4° gukora ubushakashatsi, gukoresha ibiganiro mpaka, gusakaza ibitekerezo no gutangaza inyandiko bigamije gufata ingamba nshya zo kurushaho kubaka ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;	4° conducting research, organising debates, disseminating initiatives and publishing documents aimed at putting in place new strategies designed to enhance unity and reconciliation among Rwandans;	4° mener des recherches, organiser des conférences-débats, disséminer des initiatives et publier les documents visant la mise en place de nouvelles stratégies visant le renforcement de l'unité et de la réconciliation entre les Rwandais;
5° gushyiraho ingamba z'ibikorwa byarandura amacakubiri mu Banyarwanda bo mu gihugu n'ababa hanze, bigamije kurushaho kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda;	5° developing strategic measures designed to eradicate divisions among Rwandans within and outside the country for the reinforcement of national unity and reconciliation;	5° élaborer les mesures stratégiques visant l'éradication des divisions entre les Rwandais vivant au pays et à l'étranger pour le renforcement de l'unité et la réconciliation nationale;
6° kugaragaza, kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose ryakorwa cyangwa ryakorerwa Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;	6° describing, denouncing and fighting any act or document or statement meant to fuel any form of discrimination by or against a Rwandan or a foreigner;	6° exposer, dénoncer et combattre les actes, les écrits et le langage visant à semer toute forme de discrimination à l'égard d'un Rwandais ou étranger ou faite par un Rwandais ou un étranger;
7° gukora raporo buri mwaka n'igihe bibaye ngombwa ku miterere y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;	7° making status reports on national unity and reconciliation annually and at any time deemed necessary;	7° faire le rapport annuellement et chaque fois que de besoin sur l'état de l'unité et la réconciliation nationale;
8° gukurikiranira hafi uko inzego za Leta n'iz'abikorera, imiryango nyarwanda itari iya Leta cyangwa imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorerwa mu Rwanda, abayobozi n'Abanyarwanda muri rusange bubahiriza amahame na politiki by'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;	8° closely making follow up on how public and private institutions, local or international non-governmental organizations operating in Rwanda, leaders and Rwandans in general, comply with the national unity and reconciliation principles and policies;	8° suivre de près la façon dont les institutions publiques et privées, les organisations non gouvernementales de droit rwandais ou internationales œuvrant au Rwanda, les autorités et les Rwandais en général, respectent les principes et les politiques d'unité et de réconciliation nationale;

9° gukorana n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga zifite ibikorwa bifite aho bihurira n'inshingano za Komisiyo mu rwego rwo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge.”

Ingingo ya 2: Ububasha bwa Komisiyo

Itegeko n° 35/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena Imiterere n'Imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ryongewemo ingingo ya 4 bis iteye ku buryo bukurikira:

“Ingingo ya 4 bis: Ububasha bwa Komisiyo

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifite ububasha bukurikira:

- 1° kwakira no gusuzuma ibibazo byose bibangamira ubumwe n'ubwiyunge;
- 2° gukurikirana no gucukumbura ku buryo bwimbitse ibikorwa ibyo ari byo byose byabangamira ubumwe n'ubwiyunge.

Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gukurikirana no gukora icukumbura ryimbitse ku bikorwa bibangamira ubumwe n'ubwiyunge.”

9° collaborating with other local or foreign institutions whose activities are related to the responsibilities of the Commission for the promotion of unity and reconciliation.”

Article 2: Powers of the Commission

Law n° 35/2008 of 08/08/2008 determining the organisation and functioning of the National Unity and Reconciliation Commission is supplemented by Article 4 bis, worded as follows:

“Article 4 bis: Powers of the Commission

The National Unity and Reconciliation Commission shall have the following powers:

- 1° to receive and consider all issues that constitute an obstacle to unity and reconciliation;
- 2° to make follow up and conduct thorough investigation into all the issues which may hinder unity and reconciliation.

A Presidential Order shall determine modalities for monitoring and conducting thorough investigation of all acts hindering unity and reconciliation.”

9° collaborer avec d'autres institutions au niveau national ou à l'étranger dont les activités sont liées aux attributions de la Commission en vue de la promotion de l'unité et de la réconciliation.»

Article 2: Pouvoirs de la Commission

La Loi n° 35/2008 du 08/08/2008 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation est complétée par l'article 4 bis libellé comme suit :

« Article 4 bis: Pouvoirs de la Commission

Les pouvoirs de la Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation sont les suivants:

- 1° recevoir et examiner toutes les questions entravant l'unité et la réconciliation ;
- 2° faire le suivi et mener des enquêtes approfondies sur toutes les questions susceptibles d'entraver l'unité et la réconciliation.

Un arrêté présidentiel détermine les modalités de suivi et d'enquête approfondie sur toutes les questions entravant l'unité et la réconciliation. »

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

Ingingo ya 3: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo, zivanyweho.

Ingingo ya 5: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 16/06/2013

Article 3: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 4: Repealing provision

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 5: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 16/06/2013

Article 3: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 4: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 5: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 16/06/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 41/2013 RYO KUWA 16/06/2013 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO	LAW N° 41/2013 OF 16/06/2013 ESTABLISHING THE NATIONAL ITORERO COMMISSION AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING	LOI N° 41/2013 DU 16/06/2013 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION NATIONALE D'ITORERO ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT
---	---	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwigenge

Article 3: Legal personality and autonomy

Article 3: Personnalité juridique et autonomie

Ingingo ya 4: Icyicaró cya NIC

Article 4: Head office of NIC

Article 4: Siège de la NIC

Ingingo ya 5: Urwego rureberera NIC

**Article 5: Supervising authority of the
Commission**

Article 5: Organe de tutelle de la NIC

UMUTWE WA II: INTEGO N'INSHINGANO

CHAPTER II: OBJECTIVE AND MISSION

CHAPITRE II: OBJECTIF ET MISSION

Ingingo ya 6: Intego ya NIC

Article 6: Objective of NIC

Article 6 : Objectif de la NIC

Ingingo ya 7: Inshingano za NIC

Article 7: Mission of NIC

Article 7: Missions de la NIC

UMUTWE WA III: INZEGO ZA NIC

CHAPTER III: ORGANS OF THE NIC

CHAPITRE III: ORGANES DE LA NIC

Ingingo ya 8: Inzego z'Ubuyobozi

Article 8: Management Organs

Article 8: Organes de direction

<u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri</u>	<u>Section One: Board of Commissioners</u>	<u>Section première: Conseil des Commissaires</u>
<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inama y'Abakomiseri n'ibyo bagomba kuba bujuje	<u>Article 9:</u> Composition of the Board of Commissioners and requirements	<u>Article 9:</u> Composition du Conseil des Commissaires et conditions requises
<u>Ingingo ya 10:</u> Ishyirwaho ry'abagize Inama y'Abakomiseri	<u>Article 10:</u> Appointment of members of the Board of Commissioners	<u>Article 10:</u> Nomination des membres du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'Inama y'Abakomiseri	<u>Article 11:</u> Responsibilities of the Board of Commissioners	<u>Article 11:</u> Attributions du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Abakomiseri	<u>Article 12:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Commissioners	<u>Article 12:</u> Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Perezida wa NIC	<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Chairperson of NIC	<u>Article 13:</u> Attributions du Président de la NIC
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Visi Perezida wa NIC	<u>Article 14:</u> Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission	<u>Article 14:</u> Attributions du Vice Président de la Commission
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibigenerwa Abakomiseri	<u>Article 15:</u> Benefits allocated to Commissioners	<u>Article 15:</u> Avantages accordés aux Commissaires
<u>Ingingo ya 16:</u> Impamvu zituma uri mu Nama y'Abakomiseri ayivamo	<u>Article 16:</u> Reasons for a member of the Board of Commissioners to leave office	<u>Article 16:</u> Causes de cessation des fonctions de membre du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 17:</u> Isimburwa ry'Umukomiseri	<u>Article 17:</u> Replacement of a Commissioner	<u>Article 17:</u> Remplacement d'un Commissaire
<u>Ingingo ya 18:</u> Uko Inama y'Abakomiseri iterana n'uko ibyemezo bifatwa	<u>Article 18:</u> Modalities for holding meetings of the Board of Commissioners and decision making	<u>Article 18:</u> Modalités de tenue des réunions du Conseil des Commissaires et prise de décisions
<u>Ingingo ya 19:</u> Itumizwa n'iyoborwa ry'inama y'Inama y'Abakomiseri	<u>Article 19:</u> Convening and chairing meetings of the Board of Commissioners	<u>Article 19:</u> Convocation et présidence des réunions du Conseil des Commissaires

<u>Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga Bukuru</u>	<u>Section 2: General Secretariat</u>	<u>Section 2: Secrétariat Général</u>
<u>Ingingo ya 20: Abagize Ubunyamabanga Bukuru</u>	<u>Article 20: Composition of the General Secretariat</u>	<u>Article 20: Composition du Secrétariat Général</u>
<u>Ingingo ya 21: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru</u>	<u>Article 21: Responsibilities of the Secretary General</u>	<u>Article 21: Attributions du Secrétaire Général</u>
<u>Ingingo ya 22: Abakozi ba NIC</u>	<u>Article 22: Staff of NIC</u>	<u>Article 22: Personnel de la NIC</u>
<u>Ingingo ya 23: Imiterere y'inzego z'imirimo</u>	<u>Article 23: Organizational structure</u>	<u>Article 23: Structure organisationnelle</u>
<u>Ingingo ya 24: Kwifashisha undi muntu</u>	<u>Article 24: Seeking assistance from another person</u>	<u>Article 24: Recours à une autre personne</u>
<u>Ingingo ya 25: Urwego NIC ishyikiriza raporo</u>	<u>Article 25: Organ to which NIC submits report</u>	<u>Article 25: Organe auquel la NIC fait le rapport</u>
<u>Ingingo ya 26: Isakaza rya raporo ya NIC</u>	<u>Article 26: Dissemination of the report of NIC</u>	<u>Article 26: Diffusion du rapport de la NIC</u>
<u>UMUTWE WA VI: UMUTUNGO N'IMARI BYA NIC</u>	<u>CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCE OF NIC</u>	<u>CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES DE LA NIC</u>
<u>Ingingo ya 27: Umutungo wa NIC n'inkomoko yawo</u>	<u>Article 27: Property of NIC and its sources</u>	<u>Article 27: Patrimoine de la NIC et ses sources</u>
<u>Ingingo ya 28: Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo wa NIC</u>	<u>Article 28: Management, use and audit of NIC property</u>	<u>Article 28: Gestion, utilisation et audit du patrimoine de la NIC</u>
<u>Ingingo ya 29: Ingengo y'imari ya NIC</u>	<u>Article 29: Budget of NIC</u>	<u>Article 29: Budget de la NIC</u>

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 30: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko

Article 30: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 30: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 31: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Article 31: Repealing provision

Article 31: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 32: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 32: Commencement

Article 32: Entrée en vigueur

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

**ITEGEKO N°41/2013 RYO KUWA 16/06/2013
RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU
Y'ITORERO RIKANAGENA INSHINGANO,
IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO**

**LAW N°41/2013 OF 16/06/2013
ESTABLISHING THE NATIONAL ITORERO
COMMISSION AND DETERMINING ITS
MISSION, ORGANISATION AND
FUNCTIONING**

**LOI N° 41/2013 DU 16/06/2013 PORTANT
CREATION DE LA COMMISSION
NATIONALE D'ITORERO ET
DETERMINANT SES MISSIONS, SON
ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa
16 Gicurasi 2013;

The Chamber of Deputies, in its session of 16 May
2013;

La Chambre des Députés, en sa séance du 16 mai
2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 14
Werurwe 2013;

The Senate, in its session of 14 March 2013;

Le Sénat, en sa séance du 14 mars 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 47, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89,
iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya
176 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 47, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92,
93, 94, 95, 108, 176 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du
04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 47, 62, 66, 67, 88, 89,
90, 92, 93, 94, 95, 108, 176 and 201;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, yitwa "NIC" mu magambo ahinnye y'Icyongereza, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **Intore:** umuntu watojwe kandi wimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda;
- 2° **Itorero:** Urubuga rutorezwamo Abanyarwanda kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere;
- 3° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubutegetsu bw'Igihugu mu nshingano ze;
- 4° **Urugerero:** icyiciro cy'imitoroze y'Intore kirangwa n'ibikorwa by'ubwitange Intore

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this law

This Law establishes the National Itorero Commission, abbreviated as "NIC" and determines its mission, organization and functioning.

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall mean:

- 1° **Intore:** a person who is taught the values and taboos of the Rwandan culture and who contributes to promoting their observance;
- 2° **Itorero:** a platform for educating Rwandans and training them to understand their shared values and taboos in their coexistence, be patriotic and contribute to national development;
- 3° **Minister:** Minister in charge of Local Government;
- 4° **National service:** Intore training phase which is characterized by acts of volunteerism that

ADOPTE:

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de la Commission Nationale d'Itorero, "NIC" en sigle anglais et détermine ses missions, son organisation et son fonctionnement.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes suivants signifient:

- 1° **Intore:** une personne éduquée aux valeurs et tabous de la culture rwandaise et qui contribue à la promotion de leur respect;
- 2° **Itorero:** une plate-forme d'éducation des Rwandais et de leur formation à une compréhension des valeurs et des tabous qui leur sont communs dans leur cohabitation, au patriotisme et à la contribution au développement national;
- 3° **Ministre:** Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions;
- 4° **Service national:** phase de formation des Intores qui se caractérise par les actes de

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

zitungwamo gukorera Igihugu mu mirimo ifitiye Abanyarwanda akamaro.

are assigned to Intore as a mandate to serve the country by performing activities for the general interest of Rwandans.

volontariat assignés aux Intores de servir le pays par l'accomplissement des activités revêtant un intérêt général pour les Rwandais.

Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwigenge

NIC ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo, imari n'abakozi.

Article 3: Legal personality and autonomy

NIC shall have a legal personality, administrative and financial autonomy.

Article 3: Personnalité juridique et autonomie

NIC est dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière.

Ingingo ya 4: Icyicaro cya NIC

Icyicaro cya NIC kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose muri Repubulika y'u Rwanda, igihe cyose bibaye ngombwa.

Article 4: Head office of NIC

The head office of NIC shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwanda territory, if deemed necessary.

Article 4: Siège de la NIC

Le siège de la NIC est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

NIC ishobora kugira amashami cyangwa ibigo byo gutorezamo ahandi hose muri Repubulika y'u Rwanda bibaye ngombwa kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

The NIC may, where necessary, in order to fulfil its mission, have branches or training centres elsewhere on the Rwandan territory, upon approval by an Order of the Prime Minister.

NIC peut, en cas de nécessité et pour mieux accomplir sa mission, établir des branches ou centres de formation en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda sur approbation d'un arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 5: Urwego rureberera NIC

NIC irebererwa na Minisitiri ifite ubutegetsiki bw'Igihugu mu nshingano zayo.

Article 5: Supervising authority of NIC

The NIC shall be supervised by the Ministry in charge of Local Government.

Article 5: Organe de tutelle de la NIC

La NIC est placée sous la tutelle du Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions.

UMUTWE WA II: INTEGO N'INSHINGANO ZA NIC

Ingingo ya 6: Intego ya NIC

NIC ifite intego rusange yo kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo, ufite indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore.

Ingingo ya 7: Inshingano za NIC

NIC ifite inshingano zikurikira:

- 1° guzoza Abanyarwanda:
- a. kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere;
- b. kumenya no gusobanukirwaimigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho;
- c. kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro;
- d. kuba Intore zibereye Igihugu zigaragara mu byiciro byose kandi zikaba umusemburo w'impinduka nziza;
- e. kugira umuco w'ubwitange mu gukorera

CHAPTER II: OBJECTIVE AND MISSION OF NIC

Article 6: Objective of NIC

NIC shall have the general objective of bringing up a patriotic Rwandan who has values and taboos of the Rwandan culture and who has a culture of Intore.

Article 7: Responsibilities of NIC

NIC shall have the following missions

- 1° to train Rwandans to:
 - a. make them understand their shared values and taboos in their coexistence, be patriotic and contribute to national development;
 - b. be aware of and have proficient knowledge of national programs and necessary means for their implementation;
 - c. be confident in their ability to solve problems they are faced with and uphold their dignity;
 - d. be Intore who are worthy Rwandans in all categories and catalysts for positive changes;
 - e. have the culture of volunteerism through

CHAPITRE II: OBJECTIF ET MISSION DE LA NIC

Article 6: Objectif De la NIC

L'objectif général de la NIC est de former un Rwandais patriote qui a les valeurs et tabous de la culture rwandaise et caractérisé par la culture d'Intore.

Article 7: Missions de la NIC

La NIC a les missions suivantes:

- 1° former les Rwandais à:
 - a. avoir une compréhension des valeurs et des tabous qui leur sont communs dans leur cohabitation, au patriotisme et à la contribution au développement national;
 - b. connaître et maîtriser les programmes nationaux et les moyens nécessaires à leur réalisation;
 - c. avoir confiance en leurs capacités dans la résolution de ses propres problèmes et conserver leur dignité;
 - d. être des Intores dignes de leur pays se retrouvant dans toutes les catégories et qui sont les catalyseurs des changements positifs;
 - e. avoir la culture du volontariat à travers le

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

Igihugu;	national service;	service national;
f. kugira umuco w'ishyaka n'ishema ryo guhiga no kwivuga ibigwi;	f. have the culture of being proud to set performance targets and proclaim their achievements;	f. avoir la culture d'être fiers de se fixer les niveaux de performance et de clamer leurs réalisations;
2° gutoza abayobozi kuyoborana indangagaciro no kugira ishyaka ryo kuba indashyikirwa;	2° to train leaders to engage in a leadership style that promotes the values and strive to become the best performers;	2° former les dirigeants à un style de leadership qui prône les valeurs et à avoir l'esprit d'atteindre le meilleur niveau de performance ;
3° gutoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n'iterambere ry'Igihugu;	3° to train Rwandans to promote respect for the values and taboos as a basis for coexistence and national development;	3° former les Rwandais à la promotion du respect des valeurs et des tabous servant de base pour la cohabitation et le développement national;
4° gukorana no kugisha inama izindi nzego za Leta, izigenga n'imiryango itari iya Leta bitanga inyigisho ku ndangagaciro na kirazira;	4° to collaborate with other public and private institutions and non-governmental organizations that train in values and taboos and seek their advice;	4° collaborer avec d'autres institutions publiques, privées et les organisations non gouvernementales qui jouent un rôle dans la formation aux valeurs et aux tabous et leur demander conseil ;
5° gutegura no gukurikirana ibikorwa by'ubwitange mu gukorera Igihugu ;	5° to prepare and follow up volunteerism activities through the national service;	5° assurer la préparation et le suivi des activités de volontariat à travers le service national;
6° gukora ibindi NIC yabona ko ari ngombwa biri mu nshingano zayo.	6° to perform any other task deemed relevant to its mission.	6° exécuter toute autre tâche estimée nécessaire à sa mission.
Iteka rya Perezida rigena uburyo gahunda y'urugerero ikorwa.	A Presidential Order shall determine modalities of conducting volunteerism activities through the national service.	Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'exécution des activités de volontariat à travers le service national.

UMUTWE WA III: INZEGO ZA NIC

Ingingo ya 8: Inzego z'Ubuyobozi

NIC igizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

- 1° Inama y'Abakomiseri;
- 2° Ubunyamabanga Bukuru.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Abakomiseri

Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Abakomiseri n'ibyo bagomba kuba bujuje

Inama y'Abakomiseri ni rwo rwego rukuru rwa NIC. Igizwe n'Abakomiseri batanu (5) bakora ku buryo buhoraho mu gihe cya manda yabo. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) mu Bakomiseri bagomba kuba ari abagore.

Kugira ngo umuntu abe Umukomiseri agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° kuba ari Umunyarwanda;
- 2° kuba ari inyangamugayo;
- 3° kuba adakurikiranyweho icyaha cya Jenocide, icy'ingengabitekerezo yayo cyangwa icy'amacakubiri;
- 4° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje

CHAPTER III: ORGANS OF NIC

Article 8: Management Organs

The NIC shall have the following management organs:

- 1° the Board of Commissioners;
- 2° the General Secretariat.

Section One: Board of Commissioners

Article 9: Composition of the Board of Commissioners and requirements

The Board of Commissioners is the supreme organ of the NIC. It shall be comprised of five (5) Commissioners who hold office on a permanent basis. At least thirty per cent (30%) of the members of Commissioners shall be females.

For a person to be a Commissioner, he/she shall meet the following requirements:

- 1° to be a Rwandan by nationality;
- 2° to be a person of integrity;
- 3° not to be prosecuted for the crime of genocide, genocide ideology or divisionism;
- 4° not to have been definitely sentenced to a term of imprisonment equal to or

CHAPITRE III: ORGANES DE LA NIC

Article 8: Organes de direction

La NIC est dotée des organes de direction suivants:

- 1° le Conseil des Commissaires;
- 2° le Secrétariat Général.

Section première: Conseil des Commissaires

Article 9: Composition du Conseil des Commissaires et conditions requises

Le Conseil des Commissaires est l'organe suprême de la NIC. Il est composé de cinq (5) Commissaires permanents. Au moins trente pourcent (30%) des Commissaires doivent être de sexe féminin.

Pour être Commissaire, il faut remplir les conditions suivantes:

- 1° être de nationalité rwandaise ;
- 2° être une personne intègre ;
- 3° ne pas faire l'objet de poursuites pour crime de génocide, d'idéologie du génocide ou de divisionnisme;
- 4° ne pas avoir fait l'objet d'une condamnation définitive à une peine

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

amezi atandatu (6) nta subikagihano;

exceeding six(6) months without suspension;

d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis ;

5° kuba afite ubushobozi n'ubumenyi bwo kuzuza inshingano ze.

5° to have adequate skills and knowledge required to discharge his/her duties.

5° avoir des capacités et connaissances suffisantes permettant d'exercer ses fonctions.

Ingingo ya 10: Ishyirwaho ry'abagize Inama y'Abakomiseri

Article 10: Appointment of members of the Board of Commissioners

Article 10: Nomination des membres du Conseil des Commissaires

Abagize Inama y'Abakomiseri barimo Perezida na Visi Perezida bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena.

Members of the Board of Commissioners, including the Chairperson and the Vice Chairperson shall be appointed by a Presidential Order after approval by the Senate.

Les membres du Conseil des Commissaires, dont le Président et le Vice Président, sont nommés par arrêté présidentiel après approbation du Sénat.

Abagize Inama y'Abakomiseri bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Members of the Board of Commissioners shall have a term of office of five (5) years renewable only once.

Les membres du Conseil des Commissaires ont un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule fois.

Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Abakomiseri

Article 11: Responsibilities of the Board of Commissioners

Article 11: Attributions du Conseil des Commissaires

Inama y'Abakomiseri ifite inshingano zikurikira:

The Board of Commissioners shall be responsible for the following:

Le Conseil des Commissaires a les attributions suivantes:

1° kwemeza ibyiciro by'Itorero bigomba gutegurwa;

1° to approve categories that shall undergo Itorero training ;

1° adopter les catégories de citoyens devant suivre la formation Itorero;

2° kwemeza gahunda y'ibikorwa by'igihe kirekire bya NIC;

2° to approve the long term strategic plan of NIC;

2° adopter le plan stratégique à long terme de la NIC;

3° kwemeza buri mwaka gahunda y'ibikorwa bya NIC;

3° to approve annual plan of action of NIC;

3° adopter le plan d'action annuel de la NIC ;

4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya

4° to approve the internal rules and

4° approuver le règlement d'ordre intérieur

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

NIC;	regulations of NIC;	de la NIC;
5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NIC;	5° to approve the draft budget proposal of NIC;	5° approuver l'avant-projet du budget de la NIC ;
6° gutegura urutonde rw'inzeho z'imirimo za NIC;	6° to prepare the organizational structure of NIC;	6° élaborer le cadre organique de la NIC ;
7° kwemeza raporo y'imirimo ya NIC;	7° to approve the activity report for NIC;	7° approuver le rapport d'activités de la NIC ;
8° kugena ibyo abari ku rugerero bagenerwa;	8° to avail the necessary means to the Intore during their national service period;	8° assurer la disponibilité des moyens nécessaires aux Intores pendant leur service national ;
9° kugena icyiciro cy'abajya ku rugerero n'igihe bamarayo;	9° to determine the category and the duration for participating in the national service;	9° déterminer la catégorie de ceux qui participent au service national et la durée de cette activité ;
10° kugena imirimo izakorerwa ku rugerero n'aho izakorerwa hakurikijwe ibyo Igihugu gikeneye;	10° to determine the activities and sites of national service basing on the country's needs;	10° déterminer les activités et les sites du service national suivant les besoins du pays ;
11° gufata ibyemezo ku bindi bibazo byose bifatanyeho isano n'inshingano za NIC.	11° to take decisions on any other issues related to the mission of NIC.	11° prendre des décisions sur toutes les questions relevant de la mission de la NIC.

Ingingo ya 12: Ibitabangikanwa no kuba mu bagize Inama y'Abakomiseri

Imirimo y'abagize Inama y'Abakomiseri ntibangikanywa n'undi murimo uwo ari wo wose uhemberwa. Icyakora, bashobora gukora imirimo yerekeye ubushakashatsi bujyanye n'inshingano zabo, ubuvanganzo n'ubugeni, mu gihe bitabangamiye imirimo ya NIC kandi byemejwe n'Inama y'Abakomiseri.

Article 12: Incompatibilities with membership of the Board of Commissioners

The duties of members of the Board of Commissioners shall be incompatible with any other remunerated activity. However, they may engage in research activities related to their assignments, literature and arts in case these are not incompatible with NIC activities and upon approval by the Board of Commissioners.

Article 12: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil des Commissaires

Les fonctions de membre du Conseil des Commissaires sont incompatibles avec l'exercice de toute autre activité rémunérée. Toutefois, ils peuvent faire des travaux de recherche relative à leurs attributions, à la littérature et à l'art, au cas où la mission de la NIC n'en est pas affectée et sur approbation du Conseil des Commissaires.

Ntibyemewe kandi ku bagize Inama y'Abakomiseri n'ibigo bafitemo imigabane gupiganirwa amasoko muri NIC.

Also, members of the Board of Commissioners and companies in which they have shares shall not be allowed to compete in NIC tenders.

Il est également interdit aux membres du Conseil des Commissaires et aux sociétés dont ils sont actionnaires de soumissionner aux marchés de la NIC.

Ingingo ya 13: Inshingano za Perezida wa NIC

Article 13: Responsibilities of the Chairperson of NIC

Article 13: Attributions du Président de la NIC

Perezida wa NIC afite inshingano zikurikira:

The Chairperson of NIC shall have the following responsibilities:

Le Président de la NIC a les attributions suivantes:

- 1° kuyobora NIC;
- 2° guhagararira NIC imbere y'amategeko;
- 3° gutumiza no kuyobora inama z'abagize NIC;
- 4° guhuza ibikorwa bya NIC;
- 5° kuba umuvugizi wa NIC;
- 6° gushyikiriza inzego zabigenewe raporo za NIC;
- 7° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za NIC.

- 1° to head NIC;
- 2° to serve as the legal representative of NIC;
- 3° to convene and chair meetings of NIC;
- 4° to coordinate activities of NIC;
- 5° to be the spokesperson of NIC;
- 6° to transmit reports of NIC to relevant institutions;
- 7° to execute all duties as may be assigned by the Board of Commissioners that are related to the missions of NIC.

- 1° diriger la NIC;
- 2° être le représentant légal de la NIC;
- 3° convoquer et présider les réunions de la NIC;
- 4° coordonner les activités de la NIC;
- 5° être le porte parole de la NIC;
- 6° transmettre les rapports de la NIC aux organes compétents;
- 7° exécuter toute autre tâche rentrant dans les missions de la NIC lui confiée par le Conseil des Commissaires.

Ingingo ya 14: Inshingano za Visi Perezida wa NIC

Article 14: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Commission

Article 14: Attributions du Vice Président de la Commission

Visi Perezida wa NIC afite inshingano zikurikira:

The Vice Chairperson shall have the following responsibilities:

Le Vice Président a les attributions suivantes:

- 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe

- 1° to assist and deputize for the Chairperson

- 1° assister le Président dans ses fonctions et le

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

cyose adahari;

in his/her absence;

remplacer en cas de son absence;

2° gukora imirimo yose yasabwa n’Inama y’Abakomiseri ijyanye n’inshingano za NIC.

2° to execute all duties as may be assigned by the Board of Commissioners that are related to the missions of NIC.

2° exécuter toute autre tâche rentrant dans les missions de la NIC qui lui serait confiée par le Conseil des Commissaires

Ingingo ya 15: Ibigenyerwa Abakomiseri

Article 15: Benefits allocated to Commissioners

Article 15: Avantages accordés aux Commissaires

Ibihembo n’ibindi bigenerwa Abakomiseri bigenwa n’Iteka rya Perezida.

A Presidential Order shall determine the benefits entitled to the Commissioners.

Les avantages accordés aux Commissaires sont déterminés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 16: Impamvu zituma uri mu Nama y’Abakomiseri ayivamo

Article 16: Reasons for a member of the Board of Commissioners to leave office

Article 16: Causes de cessation des fonctions de membre du Conseil des Commissaires

Ugize Inama y’Abakomiseri ava kuri uwo mwanya iyo:

A member of the Board of Commissioners shall leave office under the following circumstances:

Un membre du Conseil des Commissaires perd la qualité de membre dans les cas suivants :

1° manda ye irangiye;

1° expiration of term of office;

1° expiration du mandat;

2° yeguye akoresheje inyandiko;

2° written resignation;

2° démission par écrit;

3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw’umubiri cyangwa bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;

3° physical or mental disability ascertained by an authorized medical doctor;

3° incapacité physique ou mentale à remplir ses fonctions constatée par un médecin agréé;

4° akatiwe burundu igihano cy’igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;

4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension;

4° condamnation définitive à une peine d’emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois sans sursis;

5° ahinduriwe imirimo;

5° assignment to other duties ;

5° changement de fonctions;

6° atujuje inshingano ze byemejwe n’Inama y’Abakomiseri;

6° failure to fulfill his/her responsibilities upon confirmation by the Board of

6° défaillance dans l’accomplissement de ses fonctions confirmée par le Conseil des

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

Commissioners;

7° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashwirwa mu Nama y'Abakomiseri ;

8° apfuye.

Commissioners;

7° if it is clear that he/she no longer fulfils the requirements considered at the appointment in the Board of Commissioners;

8° if he/she dies.

Commissaires;

7° constat qu'il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé au Conseil des Commissaires;

8° décès.

Ingingo ya 17: Isimburwa ry'Umukomiseri

Inama y'Abakomiseri ni yo igaragariza mu nyandiko Minitiri ko umwe mu bayigize atakiri mu mwanya we. Minitiri abimenyesha urwego rubishinzwe. Ushyizweho arangiza igihe cya manda uwo asimbuye yari asigaje iyo kirengeje amezi atandatu (6).

Ingingo ya 18: Uko Inama y'Abakomiseri iterana n'uko ibyemezo bifatwa

Inama y'Abakomiseri iterana nibura iyo habonetse bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwo bwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abayigize. icyakora, ibyemezo birebana na raporo za NIC n'ibindi byemezo bishyikirizwa izindi nzezobifatwa ku bwumvikane busesuye.

Article 17: Replacement of a Commissioner

The Board of Commissioners shall, in a written notice, indicate to the Minister that one of its members no longer occupies his / her post. The Minister shall inform the relevant authority. The appointee shall serve the remaining period of his/her predecessor if it exceeds six (6) months.

Article 18: Modalities for holding meetings of the Board of Commissioners and decision making

The meeting of the Board of Commissioners shall be held if at least two-thirds (2/3) of its members are present. The Board of Commissioners shall take decisions by consensus. Where such a consensus is not attained, decisions shall be made upon a vote by an absolute majority of its members. However, decisions on NIC reports and other decisions to be submitted to other organs shall be taken by consensus.

Article 17: Remplacement d'un Commissaire

Le Conseil des Commissaires constate dans un document adressé au Ministre qu'un de ses membres n'a plus cette qualité. Le Ministre communique ce constat à l'organe habilité. Le remplaçant termine la durée du mandat restant à courir si celle-ci dépasse six (6) mois.

Article 18: Modalités de tenue des réunions du Conseil des Commissaires et prise de décisions

Le Conseil des Commissaires ne se réunit valablement que si les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents. Les décisions du Conseil des Commissaires sont prises par consensus et à défaut par voie de vote à la majorité absolue de ses membres. Toutefois, les décisions relatives aux rapports de la NIC et d'autres décisions devant être soumises à d'autres organes sont prises par consensus.

Ingingo ya 19: Itumizwa n'iyoborwa ry'inama z'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Inama y'Abakomiseri itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida. Iyo Perezida adahari, inama itumizwa kandi ikayoborwa na Visi Perezida. Iyo bombi badahari, umukuru mu myaka mubagize Inama y'Abakomiseri ni we uyitumiza akanayiyobora.

Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga Bukuru

Ingingo ya 20: Abagize Ubunyamabanga Bukuru

Ubunyamabanga Bukuru bugizwe n'Umunyamabanga Mukuru n'abakozi. Buyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru ushyirwaho n'iteka rya Perezida.

Ingingo ya 21: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru

Umunyamabanga Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° kuyobora abakozi b'Ubunyamabanga Bukuru;
- 2° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NIC;
- 3° gucunga ingengo y'imari n'umutungo bya NIC;

Article 19: Convening and chairing meetings of the Board of Commissioners

The meeting of the Board of Commissioners shall be convened and chaired by the Chairperson. In the absence of the Chairperson, the meeting shall be convened and chaired by the Deputy Chairperson. In the event of the absence of both, the meeting shall be convened and chaired by the oldest member of the Board of Commissioners.

Section 2: General Secretariat

Article 20: Composition of the General Secretariat

The General Secretariat shall be comprised of the Secretary general and the staff. It shall be headed by the Secretary General who is appointed by a Presidential Order.

Article 21: Responsibilities of the Secretary General

The Secretary General shall have the following responsibilities:

- 1° to supervise the staff of the General Secretariat;
- 2° to prepare the draft budget proposal of NIC;
- 3° to manage the budget and property of NIC;

Article 19: Convocation et présidence des réunions du Conseil des Commissaires

La réunion du Conseil des Commissaires est convoquée et dirigée par le Président. En cas d'absence du Président, la réunion est convoquée et dirigée par le Vice Président. En cas de leur absence simultanée, la réunion est convoquée et dirigée par le doyen d'âge des membres du Conseil des Commissaires.

Section 2: Secrétariat Général

Article 20: Composition du Secrétariat Général

Le Secrétariat Général est composé du Secrétaire Général et du personnel. Il est dirigé par le Secrétaire Général nommé par arrêté présidentiel.

Article 21: Attributions du Secrétaire Général

Le Secrétaire Général a les attributions suivantes:

- 1° diriger le personnel du Secrétariat Général;
- 2° élaborer l'avant-projet du budget de la NIC;
- 3° gérer le budget et le patrimoine de la NIC;

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

4° gutegura gahunda na raporo y'ibikorwa bya NIC;	4° to prepare action plan and activity report of NIC;	4° élaborer le plan d'action et le rapport d'activités de la NIC;
5° kubika inyandiko n'ibitabo bya NIC;	5° to keep the records and documents of NIC;	5° tenir les archives et la documentation de la NIC;
6° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere;	6° to prepare the draft internal rules and regulations ;	6° élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur;
7° gutegura inyandiko zinyuranye zikoresha mu nama z'Inama y'Abakomiseri;	7° to prepare various documents to be used in the meetings of the Board of Commissioners;	7° élaborer différents documents de travail des réunions du Conseil des Commissaires ;
8° kuba umwanditsi w'inama z'Inama y'Abakomiseri;	8° to serve as rapporteur of the meetings of the Board of Commissioners;	8° être le rapporteur des réunions du Conseil des Commissaires;
9° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za NIC.	9° to perform any other duties as may be assigned to him/her by the Board of Commissioners and which are related to the mission of NIC.	9° s'acquitter de toute autre tâche lui assignée par le Conseil des Commissaires relevant de la mission de la NIC.

Ingingo ya 22: Abakozi ba NIC

NIC ifite abakozi bayunganira mu mirimo yayo ya buri muni bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ingingo ya 23: Imiterere y'inzego z'imirimo

Imiterere y'inzego z'imirimo za NIC igenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe

Article 22: Staff of NIC

While performing its daily duties, NIC shall have support staff governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Article 23: Organizational structure

The organizational structure of NIC shall be determined by a Prime Minister's Order.

Article 22: Personnel de la NIC

Dans l'accomplissement de ses activités quotidiennes, la NIC dispose d'un personnel d'appui régi par le statut général de la fonction publique rwandaise.

Article 23: Structure organisationnelle

Le cadre organique de la NIC est déterminé par arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 24: Kwifashisha undi muntu

NIC ishobora kwifashisha umuntu uwo ari we wese cyangwa ikigo icyo aricyo cyose bifite ubumenyi n'ubuhanga bwihariye mu byerekeranye n'inshingano zayo.

Ingingo ya 25: Urwego NIC ishyikiriza raporo

NIC ishyikiriza Minisiteri ifite ubutegetsu bw'Igihugu mu nshingano zayo raporo y'ibikorwa byayo.

Ingingo ya 26: Isakaza rya raporo ya NIC

NIC isakaza raporo y'umwaka nyuma yo kuyishyikiriza Minisiteri ifite Ubutegetsu bw'Igihugu mu nshingano zayo.

UMUTWE WA VI: UMUTUNGO N'IMARI BYA NIC

Ingingo ya 27: Umutungo wa NIC n'inkomoko yawo

Umutungo wa NIC ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;
- 2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

Article 24: Recourse to another person

NIC shall seek assistance from any person or institution with knowledge and expertise in matters relating to its mission.

Article 25: Organ to which NIC submits report

NIC shall submit its activity report to the Ministry responsible for local Government.

Article 26: Dissemination of the report of NIC

NIC shall disseminate its annual report subsequent to its submission to the Ministry in charge of Local Government.

CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCE OF NIC

Article 27: Property of NIC and its sources

The property of NIC shall be comprised of movable and immovable property.

It shall come from the following sources :

- 1° allocations from the State budget;
- 2° grants and donations from Government or partners;

Article 24: Recours à une autre personne

La NIC peut faire recours à toute personne ou institution disposant de connaissances et d'expertise dans les matières en rapport avec sa mission.

Article 25: Organe auquel la NIC fait le rapport

NIC soumet son rapport d'activités au Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions.

Article 26: Diffusion du rapport de la NIC

La NIC diffuse largement son rapport annuel après l'avoir transmis au Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions.

CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES DE LA NIC

Article 27: Patrimoine de la NIC et ses sources

Le patrimoine de la NIC comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes :

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat;
- 2° les subventions de l'Etat ou des partenaires;

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

3° ibituruka ku mirimo ikora;

4° inyungu ku mutungo wayo;

5° impano n'indagano.

3° benefits from its services;

4° proceeds from its property;

5° donations and bequests.

3° le produit de ses services ;

4° le produit de son patrimoine ;

5° dons et legs.

Ingingo ya 28: Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo wa NIC

Imicungire, imikoreshereze n'imigenzurire by'umutungo wa NIC bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Buri kwezi, Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa NIC buha raporo Inama y'Abakomiseri.

Ingingo ya 29: Ingingo y'imari ya NIC

Ingingo y'imari ya NIC yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 30: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 28: Management, use and audit of NIC property

The management, use and audit of NIC property shall be conducted in accordance with the relevant legal provisions.

The internal audit of NIC shall submit its monthly report to the Board of Commissioners.

Article 29: Budget of NIC

The budget of NIC shall be approved and managed in accordance with the relevant legal provisions.

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

Article 30: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 28: Gestion, utilisation et audit du patrimoine de la NIC

La gestion, l'utilisation et l'audit du patrimoine de la NIC sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne de la NIC transmet son rapport mensuel au Conseil des Commissaires.

Article 29: Budget de la NIC

Le budget de la NIC est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES

Article 30: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

Ingingo ya 31: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 32: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 16/6/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 31: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 32: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 16/6/2013

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 31: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 32: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 16/6/2013

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 160/03 RYO KUWA 05/07/2013 RIGENA ICYICIRO N'URWEGO RUREBERERA IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTUNGANYA AMASOKO YA LETA (RPPA) RIKANAGENA IMITERERE, IMIKORERE N'INSHINGANO BY'INZEGO ZACYO

PRIME MINISTER'S ORDER N° 160/03 OF 05/07/2013 DETERMINING THE CATEGORY AND SUPERVISING AUTHORITY OF THE RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA) AND THE ORGANIZATION, FUNCTIONING AND RESPONSABILITIES OF ITS ORGANS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 160/03 DU 05/07/2013 DETERMINANT LA CATEGORIE ET L'ORGANE DE TUTELLE DE L'OFFICE RWANDAIS DES MARCHES PUBLICS (RPPA) ET L'ORGANISATION, LE FONCTIONNEMENT ET ATTRIBUTIONS DE SES ORGANES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Icyiciro Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA) gishyizwemo

Article 2: Category of the Rwanda Public Procurement Authority (RPPA)

Article 2: Catégorie de l'Office Rwandais des Marchés Publics (RPPA)

Ingingo ya 3: Urwego rureberera RPPA

Article 3: Supervising Authority of RPPA

Article 3: Organe de tutelle du RPPA

UMUTWE WA II: IMITERERE, IMIKORERE N'INSHINGANO BY'INZEGO ZA RPPA

CHAPTER II: ORGANISATION, FUNCTIONING AND RESPONSIBILITIES OF RPPA ORGANS

CHAPITRE II: ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET ATTRIBUTIONS DES ORGANES DU RPPA

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Section One: Board of Directors

Section première: Conseil d'Administration

Ingingo ya 4: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RPPA

Article 4: Responsibilities of the RPPA Board of Directors

Article 4: Attributions du Conseil d'Administration du RPPA

Ingingo ya 5: Manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi

Article 5: Term of office of the members of the Board of Directors

Article 5: Mandat des membres du Conseil d'Administration

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

<u>Ingingo ya 6:</u> Itumizwa, iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 6:</u> Invitation and the convening of the meetings of the Board of Directors and the modalities for taking decisions	<u>Article 6:</u> Modalités d'invitation des réunions du Conseil d'Administration et de prise de décisions
<u>Ingingo ya 7:</u> Umubare usabwa kugira ngo inama iterane	<u>Article 7:</u> Quorum	<u>Article 7:</u> Quorum
<u>Ingingo ya 8:</u> Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 8:</u> Invitation of resourceful person in the Board of Directors meetings	<u>Article 8:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 9:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 9:</u> Approval of resolutions and report of the meetings of the Board of Directors	<u>Article 9:</u> Approbation des résolutions et rapport des réunions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 10:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 10:</u> Reasons for cessation of the membership in the Board of Directors of RPPA and replacement modalities	<u>Article 10:</u> Causes de cessation de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 11:</u> Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Rapporteur of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Rapporteur du Conseil d'Administration
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ubuyobozi Bukuru	<u>Section 2:</u> General Directorate	<u>Section 2:</u> Direction Générale
<u>Ingingo ya 12:</u> Abagize Ubuyobozi bukuru bwa RPPA	<u>Article 12:</u> Composition of the General Directorate of RPPA	<u>Article 12:</u> Composition de la Direction Générale du RPPA
<u>Ingingo ya 13:</u> Umuyobozi Mukuru wa RPPA	<u>Article 13:</u> Director General of RPPA	<u>Article 13:</u> Directeur Général du RPPA
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru wa RPPA	<u>Article 14:</u> Responsibilities of the Director General of RPPA	<u>Article 14:</u> Attributions du Directeur Général du RPPA
<u>Ingingo ya 15:</u> Gusigariraho Umuyobozi Mukuru	<u>Article 15:</u> Interim Director General	<u>Article 15:</u> Intérim du Directeur General
<u>Ingingo ya 16:</u> Komite y'imicungire n'abayigize	<u>Article 16:</u> Management committee and its	<u>Article 16:</u> Comité de gestion et sa composition

composition

<u>Ingingo ya 17: Amashami n'inshingano zayo</u>	<u>Article 17: Units and their functions</u>	<u>Article 17: Unités et leurs fonctions</u>
<u>Ingingo ya 18: Inshingano z'abayobozi b'amashami</u>	<u>Article 18: Responsibilities of the Directors of Units</u>	<u>Article 18: Les attributions des Directeurs d'unités</u>
<u>UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 19: Ibiteganywa mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa</u>	<u>Article 19: Performance Contract</u>	<u>Article 19: Contrat de performance</u>
<u>Ingingo ya 20: Abashinzwe kubahiriza iri teka</u>	<u>Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order</u>	<u>Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u>
<u>Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'Ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka</u>	<u>Article 21: Repealing provision</u>	<u>Article 21: Disposition abrogatoire</u>
<u>Ingingo ya 22: Igihe iteka ritangira gukurikizwa</u>	<u>Article 22: Commencement</u>	<u>Article 22: Entrée en vigueur</u>

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°160/03 RYO KUWA 05/07/2013 RIGENA ICYICIRO N'URWEGO RUREBERERA IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTUNGANYA AMASOKO YA LETA (RPPA) RIKANAGENA IMITERERE, IMIKORERE N'INSHINGANO BY'INZEGO ZACYO

PRIME MINISTER'S ORDER N° 160/03 OF 05/07/2013 DETERMINING THE CATEGORY AND SUPERVISING AUTHORITY OF THE RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA) AND THE ORGANIZATION, FUNCTIONING AND RESPONSABILITIES OF ITS ORGANS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 160/03 DU 05/07/2013 DETERMINANT LA CATEGORIE ET L'ORGANE DE TUTELLE DE L'OFFICE RWANDAIS DES MARCHES PUBLICS (RPPA) ET L'ORGANISATION, LE FONCTIONNEMENT ET ATTRIBUTIONS DE SES ORGANES

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 119, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions;

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics;

Ashingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002, rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta;

Pursuant to Law n° 22/2002 of 09/07/2002 on the General Statutes for the Rwanda Public Service;

Vu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002, portant statut général de la fonction publique;

Ashingiye ku Itegeko n° 25/2011 ryo kuwa 30/06/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta (RPPA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 6, iya 7, iya 10 n'ya 13;

Pursuant to law n° 25/2011 of 30/06/2011 establishing Rwanda Public Procurement Authority (RPPA) and determining its mission, organization and functioning, especially in Articles 5, 6, 7, 10 and 13;

Vu la Loi n° 25/2011 du 30/06/2011 portant création de l'Office Rwandais des Marchés Publics (RPPA) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 5, 6, 7, 10 et 13 ;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 31/03 ryo kuwa 19/06/2012 rishyiraho

Pursuant to Prime Minister's Order n° 31/03 of 19/06/2012 determining the organizational structure

Vu l'Arrêté du Premier Ministre n° 31/03 du 19/06/2012 déterminant la structure

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

imbonerahamwe n'incamake y'imyanya y'imirimu by'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA);	and summary of job positions of Rwanda Public Procurement Authority (RPPA);	organisationnelle et la synthèse des emplois de l'Office Rwandais des Marchés Publics (RPPA);
Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;	On proposal by the Minister of Finance and Economic planning;	Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Economique;
Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/05/2013, imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/05/2013;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/05/2013;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena icyiciro Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA) gishyirwamo n'urwego rukireberera. Regena kandi imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego zacyo.

This Order determines the category of Rwanda Public Procurement Authority (RPPA) and its supervising authority. It also determines the organization, functioning and responsibilities of its organs.

Le présent arrêté détermine la catégorie de l'Office Rwandais des Marchés Publics (RPPA) et son organe de tutelle. Il détermine également l'organisation, le fonctionnement et les attributions et de ses organes.

Ingingo ya 2: Icyiciro Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA) gishyizwemo

Article 2: Category of the Rwanda Public Procurement Authority (RPPA)

Article 2: Catégorie de l'Office Rwandais des Marchés Publics (RPPA)

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA) gishyizwe mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bitanga amabwiriza no guteza imbere ibikorwa by'ubukungu, iby'imibereho myiza n'ibindi bigamije inyungu rusange.

The Rwanda Public Procurement Authority (RPPA) is hereby placed in the category of public institutions having the responsibilities of regulation and promotion in economic, social and other activities as required by general interest.

L'Office rwandais des marchés publics (RPPA) rentre dans la catégorie des établissements publics ayant dans leurs attributions la régulation des domaines d'activités économiques, sociales et autres activités d'intérêt général.

Ingingo ya 3: Urwego rureberera RPPA

RPPA irebererwa na Minisiteri ifite mu nshingano zayo imari ya Leta.

UMUTWE WA II: IMITERERE, IMIKORERE N'INSHINGANO BY'INZEGO ZA RPPA

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 4: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RPPA

Inama y'Ubuyobozi ya RPPA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rushinzwe gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga umutungo wa RPPA kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RPPA ni izi zikurikira:

- 1° gutanga icyerekezo cy'ibikorwa na gahunda y'ibikorwa ya RPPA;
- 2° kwemeza amategeko ngengamikorere ya RPPA;
- 3° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya buri mwaka, mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe;
- 4° gusuzuma imikorere ya RPPA hakurikijwe gahunda n'ingengo y'imari;

Article 3: Supervising Authority of RPPA

RPPA shall be supervised by the Ministry in charge of public finance.

CHAPTER II: ORGANISATION, FUNCTIONING AND RESPONSIBILITIES OF RPPA ORGANS

Section One: Board of Directors

Article 4: Responsibilities of the RPPA Board of Directors

The Board of Directors of RPPA is the authority which directs RPPA and which is responsible for taking decisions. It shall have full powers and responsibilities to manage the resources of RPPA in order to fulfill its responsibilities.

The responsibilities of the Board of Directors of RPPA shall be:

- 1° to design a strategic vision and the action plan of RPPA;
- 2° to approve the internal rules and regulations of RPPA;
- 3° to approve the annual draft budget proposal before it is submitted to relevant organs;
- 4° to examine the performance of RPPA in accordance with the plan of action and the budget;

Article 3: Organe de tutelle du RPPA

RPPA est placé sous la tutelle du Ministère ayant les finances publiques dans ses attributions.

CHAPITRE II: ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET ATTRIBUTIONS DES ORGANS DU RPPA

Section première: Conseil d'Administration

Article 4: Attributions du Conseil d'Administration du RPPA

Le Conseil d'Administration du RPPA est l'organe de direction et de décision. Il est investi des pouvoirs étendus et de la mission d'assurer la gestion du patrimoine du RPPA, en vue de permettre à celui-ci de s'acquitter de sa mission.

Les attributions du Conseil d'Administration de RPPA sont les suivantes:

- 1° déterminer la vision stratégique et le plan d'action de RPPA;
- 2° adopter le règlement d'ordre intérieur de RPPA;
- 3° approuver l'avant-projet du budget annuel avant de le transmettre aux organes compétents;
- 4° évaluer les performances de RPPA sur base du plan d'action et du budget;

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

- | | | |
|--|--|--|
| 5° kwemeza ibitabo ngenderwaho by'ipiganwa, raporo z'isesengura n'izindi nyandiko ngenderwaho zikoreshwa n'inzego zitanga amasoko ya Leta; | 5° to approve Standard Bidding Documents, bid evaluation reports and other standard documents, for use by public procuring entities; | 5° approuver les dossiers types d'appel d'offres, les formats de rapports d'analyse des offres et d'autres documents types utilisés par les entités de passation de marchés publics; |
| 6° kwemeza ibihano ku bapiganira amasoko ya Leta no gusabira ibihano abakozi ba Leta bishe amategeko agenga amasoko ya Leta; | 6° to decide upon the sanctions to be imposed against bidders and propose sanctions against public officials contravening the provisions of laws governing public procurement; | 6° décider sur les sanctions à infliger aux soumissionnaires et proposer des sanctions à donner au personnel violant les dispositions applicables aux marchés publics; |
| 7° kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoshereze y'umutungo by'umwaka urangiye; | 7° to approve the activity and financial reports of the previous year; | 7° approuver le rapport d'activités et le rapport d'utilisation du patrimoine pour l'exercice précédent; |
| 8° gukurikirana imikorere y'Ubuyobozi bwa RPPA n'abakozi bayo. | 8° to monitor the performance of the management and personnel of RPPA. | 8° faire le suivi de la performance de la Direction de RPPA et de son personnel. |

Ingingo ya 5: Manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Ingingo ya 6: Itumizwa, iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama y'Ubuyobozi iterana ku buryo busanzwe no ku buryo budasanzwe.

Inama isanzwe iterana rimwe mu gihembwe, naho

Article 5: Term of office of the members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors are appointed for a period of three (3) years which may be renewable only once.

Article 6: Invitation and the convening of the meetings of the Board of Directors and the modalities for taking decisions

The Board of Directors shall meet in ordinary meetings and extraordinary meetings.

The ordinary meetings of the Board of Directors of

Article 5: Mandat des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration sont désignés pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Article 6: Modalités d'invitation des réunions du Conseil d'Administration et de prise de décisions

Le conseil d'administration se réunit en réunions ordinaires et en réunions extraordinaires.

La réunion ordinaire du Conseil d'Administration

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

inama idasanzawe igaterana igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida, igihe Perezida adahari.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo iterane.

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye. Mu gihembwe cya gatatu, ku murongo w'ibigwa habamo gahunda yo gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira.

Buri gihembwe Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igaha raporo Minisitiri ureberera RPPA.

Ingingo ya 7: Umubare usabwa kugira ngo inama iterane

Inama y'ubuyobozi iterana kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe n'amategeko, iyo nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize bahari.

RPPA are held once a quarter, while extraordinary meetings are held whenever necessary upon invitation by its Chairperson or its Vice Chairperson, in the absence of its Chairperson.

The invitation shall be sent to the members of the Board of Directors in writing at least fifteen (15) days before the meeting is held. However, an extraordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before the meeting is held.

Items on the agenda to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter shall include approval of the activity report and the use of the resources in the previous year. In the third quarter, there shall be included on the agenda the examination of the draft annual budget proposal and the plan of action of the following year.

Every quarter, the Board of Directors shall examine the financial and activity reports relating to the previous quarter and the report shall be sent to the Minister supervising RPPA.

Article 7: Quorum

The quorum required for the Board of Directors to meet and take legally binding decisions is at least two third (2/3) of its members.

de RPPA se tient une fois par trimestre, alors que la réunion extraordinaire se tient chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou du Vice-Président à l'absence du Président.

L'invitation à la réunion est faite par écrit et transmise aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins cinq (5) jours avant la tenue de la réunion.

A l'ordre du jour de la réunion du premier trimestre de l'année figurent notamment les points relatifs à l'approbation des rapports d'activités et de gestion du patrimoine pour l'exercice précédent. L'ordre du jour de la réunion du troisième trimestre comprend notamment l'examen de l'avant-projet du budget et du programme d'activités pour l'exercice suivant.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et en faire le rapport au Ministre de tutelle de RPPA.

Article 7: Quorum

Le Conseil d'Administration ne peut valablement se réunir et délibérer que si au moins deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.

Ingingo ya 8: Gutumira mu nama z’Inama y’Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama

Inama y’Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murungo w’ibyigwa, ariko ntiyemerewe gutora.

Uwatumiwe ntiyemerewe gukurikira iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murungo w’ibyigwa.

Ingingo ya 9: Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama z’Inama y’Ubuyobozi n’inyandikomvugo yayo

Inama ikirangira, inyandiko y’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ishyirwaho umukono n’abitabiriye, kopi yayo ikohererezwa Minisitiri ureberera RPPA mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho, imyanzuro y’inama iba yemewe burundu.

Inyandikomvugo y’inama yemezwa mu nama ikurikira igashyirwaho umukono na Perezida n’umwanditsi bayo. Kopi y’inyandikomvugo yohererezwa Minisitiri ureberera RPPA mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Article 8: Invitation of resourceful person in the Board of Directors meetings

The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain issues on the agenda. But the person shall not be allowed to vote.

The invitee shall not be allowed to follow debates on other issues on the agenda.

Article 9: Approval of resolutions and report of the meetings of the Board of Directors

Resolutions of the meeting of the Board of Directors shall be signed by members present immediately at its completion, and its copy shall be sent to the Minister supervising RPPA in a period not exceeding five (5) days in order to give his/ her views in a period not exceeding fifteen (15) days from its reception. If this period expires when he/ she has not given his/ her views, the resolutions of the meeting shall be presumed definitively approved.

The minutes of the meeting shall be approved in the next meeting and shall be signed by both the Chairperson and the rapporteur. The copy of minutes shall be sent to the Minister supervising RPPA in a period not exceeding fifteen (15) days from the day of its approval.

Article 8: Invitation d’une personne ressource aux réunions du Conseil d’Administration

Le Conseil d’Administration peut, au cours de sa réunion, inviter toute personne qu’il juge compétente pour l’examen d’un point inscrit à l’ordre du jour. Cependant cette personne n’a pas de voix délibérative.

La personne invitée ne peut pas participer aux débats concernant d’autres points à l’ordre du jour.

Article 9: Approbation des résolutions et rapport des réunions du Conseil d’Administration

Les résolutions du Conseil d’Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et transmises au Ministre de tutelle de RPPA dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours pour avis et considérations endéans quinze (15) jours à dater de leur réception. Passé ce délai sans réactions du Ministre, les résolutions du Conseil d’Administration sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration est approuvé dans la prochaine séance et est signé conjointement par son Président et son rapporteur. Une copie du procès-verbal est envoyée au Ministre de tutelle de RPPA dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter du jour de son approbation.

Ingingo ya 10: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;
- 5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;
- 6° bigaragaye ko atacyujije ibyashingiweho ashirwa mu Nama y'Ubuyobozi;
- 7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'ishingano ze;
- 8° abangamira inyungu za RPPA;
- 9° yireze akemera icyaha cya jenocide;

Article 10: Reasons for termination of the membership from the Board of Directors of RPPA and replacement modalities

A member of the Board of Directors shall lose membership if:

- 1° his/her term of office expires;
- 2° he/ she resigns in writing;
- 3° he/ she is no longer able to perform his/ her duties due to physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;
- 4° he/ she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension of the sentence;
- 5° he/ she is absent in meetings for three (3) consecutive times in a year with no justified reasons;
- 6° he/ she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/ her appointment to the Board of Directors;
- 7° he/ she behaves contrary to his/ her responsibilities;
- 8° he/ she jeopardises the interests of RPPA;
- 9° he/ she confesses and pleads guilty to the

Article 10: Causes de cessation de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre dans les cas suivants:

- 1° expiration du mandat;
- 2° démission par notification écrite;
- 3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;
- 4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;
- 5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables;
- 6° constat qu'il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été nommé au Conseil d'Administration;
- 7° comportement incompatible avec ses fonctions;
- 8° agissement contraires aux intérêts du RPPA;
- 9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

	crime of genocide;	de génocide;
10° agaragayeho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide;	10° he/ she is characterised by genocide ideology;	10° comportement caractérisé par l'idéologie du génocide;
11° apfuye.	11° he/ she dies.	11° son décès.
Minisitiri ureberera RPPA agaragaza muri raporo igenewe inzego zibifitiye ububasha ko umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi adakwiriye kuba mu bayigize cyangwa ko atakiri mu mwanya we hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya mbere.	The Minister supervising RPPA shall indicate in the report meant for competent organs whether one of the members of the Board of Directors is not worth its membership or if he/ she is no longer in his/ her position in accordance with the Paragraph One.	Le Ministre de tutelle de RPPA constate, dans un rapport adressé à l'organe compétent, que l'un des membres du Conseil d'Administration n'a plus la qualité d'être membre ou que son poste est vacant conformément aux dispositions de l'alinéa premier.
Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza iyo manda.	In case one of the members of the Board of Directors leaves his/ her duties before the expiration of his/ her term of office, the competent authorities shall appoint his/ her replacement to complete his/ her term of office.	Si un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente désigne le remplaçant qui termine le mandat de celui qu'il a remplacé.
<u>Ingingo ya 11:</u> Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Rapporteur of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Rapporteur du Conseil d'Administration
Umuyobozi Mukuru wa RPPA yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi akazibera umwanditsi. Ashobora kuzitangamo ibitekerezo ariko ntatora mu ifatwa ry'ibyemezo.	The Director General of RPPA shall attend the meetings of the Board of Directors and shall serve as their rapporteur. He/ she may give views but he/ she is not allowed to vote during decision making.	Le Directeur Général assiste aux réunions du Conseil d'Administration et en est le rapporteur. Il peut participer aux débats mais sans voix délibérative.
Umuyobozi Mukuru ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba; icyo gihe Inama y'Ubuyobozi yitoramo umwanditsi.	The Director General shall not participate in the meetings that take decisions in issues that concern him or her; in that case, the Board of Directors shall elect from among its members a rapporteur.	Le Directeur Général ne prend pas part aux réunions du Conseil d'Administration qui traitent des points qui le concernent personnellement. Dans ce cas, le Conseil d'Administration élit en son sein un rapporteur.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 12: Abagize Ubuyobozi bukuru bwa RPPA

Ubuyobozi bukuru bwa RPPA bugizwe n'Umuyobozi mukuru n'undi wagenwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 13: Umuyobozi Mukuru wa RPPA

Imicungire ya buri muni ya RPPA ishinzwe Umuyobozi Mukuru wayo. Umuyobozi Mukuru ni we uhuza akanayobora ibikorwa bya buri muni bya RPPA kandi akabazwa n'Inama y'Ubuyobozi uko ibyemezo byayo bishyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 14: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru wa RPPA

Umuyobozi Mukuru wa RPPA ashinzwe by'umwihariko inshingano zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;
- 2° kwita ku micungire ya RPPA mu rwego rwa tekini, urw'ubuyobozi n'imari;
- 3° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;

Section 2: General Directorate

Article 12: Composition of the General Directorate of RPPA

The General Directorate of RPPA shall be comprised of the Director General and any person who may be designated by a competent authority.

Article 13: Director General of RPPA

The daily Management of RPPA is entrusted to its Director General. The Director General coordinates and directs the daily activities of RPPA and shall be answerable to the Board of Directors on how its decisions are implemented.

Article 14: Responsibilities of the Director General of RPPA

The Director General of RPPA has in particular the following responsibilities:

- 1° implementing the decisions of the Board of Directors;
- 2° ensuring RPPA technical, administrative and financial management;
- 3° preparing and submitting to the Board of Directors the budget proposal of the following year and the budget reports of the previous year;

Section 2: Direction Générale

Article 12: Composition de la Direction Générale du RPPA

La direction générale du RPPA est composée du Directeur Général et de toute personne qui peut être désignée par l'autorité compétente.

Article 13: Directeur Général du RPPA

La gestion journalière du RPPA est assurée par son Directeur Général. Il coordonne et dirige les activités journalières du RPPA et est responsable devant le Conseil d'Administration de la mise en œuvre de ses décisions.

Article 14: Les attributions du Directeur Général du RPPA

Le Directeur Général du RPPA a spécialement les attributions suivantes:

- 1° mettre en application les décisions du Conseil d'Administration;
- 2° assurer la gestion technique, administrative et financière de RPPA;
- 3° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ainsi que le rapport d'exécution du budget pour l'exercice précédent;

Official Gazette N° 29 of 22 July 2013

4° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa RPPA;	4° executing the budget and managing the resources of RPPA;	4° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de RPPA;
5° gukurikirana imicungire y'Abakozi ba RPPA akurikije amategeko;	5° ensuring the management of the personnel of RPPA in accordance with the Law;	5° assurer la gestion du personnel de RPPA conformément à la loi;
6° kumenyesha mu nyandiko Inama y'Ubuyobozi imigendekere n'ibikorwa bya RPPA nibura rimwe mu gihembwe;	6° informing, in writing, the Board of Directors the progress and the activities of RPPA at least once a quarter;	6° informer par écrit au moins une fois par trimestre le Conseil d'Administration de l'état d'avancement des activités de RPPA;
7° guhagararira RPPA imbere y'amategeko;	7° representing RPPA before the Law;	7° représenter RPPA devant la loi;
8° kugeza ku Nama y'Ubuyobozi imishinga y'ibihano ku bapiganira amasoko ya Leta no ku bakozi ba Leta bishe amategeko agenga amasoko ya Leta;	8° suggesting to the Board of Directors the sanctions to be imposed to bidders and staff members who contravene the provisions of the Law governing public procurement ;	8° soumettre au Conseil d'Administration les propositions de sanctions à infliger aux soumissionnaires et au personnel de l'Etat violant les dispositions applicables aux marchés publics;
9° kumenyesha ubushinjacyaha abakekwaho ibyaha bakoreye mu masoko ya Leta.	9° reporting to the Public Prosecution suspects of offences committed in public procurement.	9° informer l'Organe National de Poursuite des personnes présumées avoir commis des infractions dans les marchés publics.

Ingingo ya 15: Gusigariraho Umuyobozi Mukuru

Iyo adahari, Umuyobozi Mukuru ashiraho umwe mu bayobozi b'amashami akamusigariraho mu gihe atazaba ahari. Iyo adashoboye gushyiraho umusigariraho, Inama y'Ubuyobozi ishira umwe mu bayobozi b'amashami.

Uko gusigariraho Umuyobozi Mukuru gutangira ku

Article 15: Interim Director General

If absent, the Director General shall appoint one of the Directors of Units for acting on his/ her behalf. If the Director General is unable to appoint someone to act on his behalf, the Board of Directors shall appoint an Acting Director General from one of the Directors of Units.

The acting period shall commence on the date

Article 15: Intérim du Directeur Général

En cas d'absence, le Directeur Général désigne l'un des Directeurs d'Unités pour assurer son intérim. En cas d'empêchement de désignation de l'intérim par le Directeur Général, le Conseil d'Administration en désigne un parmi les Directeurs d'Unités.

L'intérim commence au jour fixé par l'acte de

munsi wagenwe n'inyandiko ishyiraho usigaraho kukarangira igihe umuyobozi asubiye mu mirimo cyangwa umusimbura washyizweho n'urwego rubifitiye ububasha atangiriye imirimo, mu gihe ari ko byakozwe.

Ingingo ya 16: Komite y'imicungire n'abayigize

Komite y'imicungire ni urwego ruhuza ibikorwa bya RPPA rukaba n'urwego njyanama hagati y'Umuyobozi Mukuru n'abayobozi b'amashami hagamijwe gutunganya neza ibikorwa bya RPPA.

Komite y'imicungire igizwe n'Umuyobozi Mukuru, abayobozi b'amashami n'Umunyamabanga w'Umuyobozi Mukuru ari na we uyibera umwanditsi.

Uburyo inama ya Komite y'imicungire iterana, uburyo ifata ibyemezo n'uko bishyirwa mu bikorwa biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RPPA.

Ingingo ya 17: Amashami n'inshingano zayo

Ishami ni rwo rwego rushyira mu bikorwa inshingano za RPPA. Buri shami ritegura kandi rigashyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa y'umwaka ishingiye ku nshingano na gahunda y'igihe kirekirekira bya RPPA.

RPPA igira umubare w'amashami yemerewe n'inzego zibifitiye ububasha.

determined by the appointment document and ends at the recommencement of activity by the Director General or at the arrival of the one appointed by the competent authority, if that is the case.

Article 16: Management committee and its composition

The Management Committee is an organ that coordinates the activities of RPPA and a framework of consultation between the Director General and the Directors of Units for smooth running of activities of the RPPA.

The management committee is composed of the Director General, Directors of Units and the Administrative Assistant of the Director General who serves as secretary of the committee.

The modalities of meetings and decision proceedings of the management committee shall be determined by the internal rules and regulations of RPPA.

Article 17: Units and their functions

